**Ikarita ya *I Speak***
(Ibisobanuro bigenewe umubyeyi)

Ikarita ya ***I Speak*** igamije kugufasha kubona umusemuzi wahuguwe wo guhita agufasha. Yerekana ururimi rwawe kavukire kandi ikamenyesha ishuri ko hakenewe umusemuzi. Na none isobanura uburyo ishuri rishobora kubona serivisi z'isemura. Mu gihe cyo kwiyandikisha akarere kazaguha ikarita ya ***I Speak*** cyangwa gasabe abakozi b'ishuri kuyiguha.

Igihe wigiriye ku ishuri ry'umwana wawe cyangwa uhamagayeyo, abakozi b'ishuri bashobora kuvuga mu cyongereza bati "Wait for language support (Tegereza ugufasha mu rurimi". Ibi byerekana ko ishuri ryumvise ko ukeneye ubufasha mu rurimi, rikaba ririmo gushaka umusemuzi wemewe wo kugufasha.